**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'UBUTABERA**
**P.O. BOX 160 KIGALI**

# IMBWIRWARUHAME YA MINISITIRI W'UBUTABERA/ INTUMWA NKURU YA LETA KU MUNSI WO GUTANGIZA IGIKORWA CYO GUTEGURA UMUGORORWA GUSUBIRA MUBUZIMA BUSANZWE

*Bwana Guverineri w'Intara y'Amajyaruguru,*

*Komiseri Mukuru wa RCS,*

*Nyiricyubahiro Musenyeri wa Diocese ya Byumba,*

*Nyiricyubahiro Gisonga cya Musenyeri muri Diocese ya Ruhengeri,*

*Country Director of OXFAM,*

*Batumirwa mwese,*

*Bacungagereza,*

*Mfungwa namwe Bagororwa,*

Muraho,

Uyu munsi twateraniye hano kuri gereza ya Musanze kugirango dutangize umushinga wo gutegura abagororwa ngo bazasubire neza mu buzima busanzwe igihano cyabo kirangiye, bazabashe kwiteza imbere kuburyo batunga umuryango bigatuma batazasubira mubyaha byababagarura muri gereza. Ni

uburyo bwo kubaremera bahabwa ubumenyi bazakoresha bukabagirira akamaro.

Amahame mpuzamahanga avuga kuburenganzira bw'imfungwa leta y'u Rwanda irayemera kandi ikayubahiriza. Umugororwa afite uburenganzira bwa muntu nubwo hari ubwo abuzwa kuberako afunze bituma hari uburenganzira atakaza, ariko uburenganzira bw'ibanze burubahirizwa kandi ababashinzwe basabwa kubwubahiriza.

Abafunzwe batakaza uburenganzira ku mudendezo ngo babe bajya aho bashaka, ariko uburenganzira bwa muntu butuma babaho ubuzima bwiza bakabona ikibatunga, ubuvuzi n'ibindi byose umuntu akenera bimwubaka nk'umuntu cyane cyane kumuha ubumenyi no kumufasha kongera kwiyubakamo icyizere kugirango naramuka asubiye mu muryango nyuma yo kurangiza igihano cye azagirire akamaro umuryango we ndetse n'igihugu muri rusange.

Leta y'u Rwanda nka Leta igendera ku mategeko, yashyizeho politiki iha abaturarwanda bose uburenganzira bumwe mu bintu byose bigenewe umunyagihugu, harimo umutekano, uburenganzira k'ubukungu, imiyoborere myiza, ubutabera n'ibindi byinshi. Itegeko nshinjabyaha ryambura uburenganzira bumwe umuntu wahamwe n'icyaha agahanishwa gufungwa, ariko nkuko nabivuze, uburenganzira umuntu akenera kugirango agumane anongere icyubahiro cya muntu abafunzwe barabuhabwa mu buryo busesuye.

Niyo mpamvu mu nshingano zacu nk'abashinzwe ubutabera twemera ko hejuru y'uburenganzira bw'ibanze umuntu ufunzwe afite uburenganzira bwo kwiga no kongererwa ubumenyi no kunganirwa mu mibereho ye ijyanye n'ubuzima bwo mu mutwe bushobara guhungabanywa n'icyemezo cyo gufungwa gifatwa n'umucamanza kugirango azasubire mu muryango yifitiye icyizere cyo gutera imbere.

Ikindi twemera, nagira ngo nongere nshimangire ni uko ubukozi bw'ibyaha ibyo aribyo byose, ibito cyangwa ibikomeye, ntibushobora kwihanganirwa mu gihugu cyacu kuko ntakindi bumaze uretse gusenya ibyo tugeraho. Ubukozi bw'ibyaha ntibushobora gushakirwa impamvu nk'ubukene, inzara, kutagira akazi n'izindi zikunze gukoreshwa ngo zibusobanure. Ubukozi bw'ibyaha bugomba kwamaganwa, bukarwanywa, amategeko akabuhana uko bigomba kose, imbaraga zikenewe zose zigashyirwamo. Igihugu kitarangwamo ibyaha cyangwa kirangwa no kubirwanya cyivuye inyuma nicyo gihugu kidukwiye nk'abanyarwanda.

Umushinga uzatuma abagororwa bahawe ubumenyi mu myuga itandukanye igihe bari muri gereza, bagera hanze bakigira, ntibatege amaboko abandi bashobora kuba bakibafata nk'abanyabyaha. Cyane nk 'abagore bari bafite abana aribo babatunze bakaba baraguye mubyaha kugirango babone uko batunga abana babo, uyu mushinga uzabafasha kumva ko umuntu atitunga cyangwa adatunga umukomokaho akoresheje umwuga ubangamiye amategeko. Baca umugani mu Kinyarwanda ngo "Uwiba ahetse aba abwiriza uwo mu mugongo" umubyeyi ukora ibyaha ahetse aba yereka urugero rubi abana, kandi arirwo Rwanda rw'ejo.

Niyo mpamvu uyu mushinga tuwushima kuko uzagirira akamaro igihugu n'abagituye cyane cyane abafite ubushobozi buke. Ubumenyi aba bagororwa bazakura aha no muyandi magereza aho uyu mushinga ukoreramo nka Nyagatare ifungirwamo abana, uzafasha ababuhabwa (ubumenyi) kuzagera hanze bakaba bakwihangira imirimo cyangwa bakaba banasaba akazi kuri ba Rwiyemezamirimo bandi bigatuma baba abanyarwanda bizewe. Inyungu y'uyu mushinga izagirira akamaro abagororwa barimo kwiga, kandi n'umuryango mugari uzabyungukiramo kubw'umutekano n'iterambere kuko nin'uburyo bwo kurwanya isubiracyaha kuko ufite umurimo umutunze ntiyazifuza kongera gukora icyaha cyamusubiza muri gereza.

Twaje hano rero gutangiza iki gikorwa cy'ingirakamaro, kugirango tugaragaze ko tugishyigikiye, tunagikorere ubuvugizi kugirango kibone inkunga zazatuma abagororwa benshi bagerwaho. Abagororwa benshi bakeneye aya masomo ndetse no gufashwa nyuma yo gutaha, ariko ntibibihita bikunda kubera ubushobozi budahagije. Urwego rumwe rwonyine cyangwa umuterankunga umwe ntiyabasha gutanga ubufasha kubagororwa bose dufite, nyamara intego yacu ni uko bose bagerwaho.

Ndashimira abafatanyabikorwa bafashe iyambere muri iki gikorwa, Diocese ya Byumba n'umuterankunga wayo OXFAM muri iki gikorwa cyo kwita ku buzima bwo mutwe no kwigisha imyuga abagore bari muri gereza ya Musanze n'urubyiruko ruri muri gereza ya Nyagatare bakazanabafasha gusubira mu buzima busanzwe bafite icyizere cyo kubaho no kwigira.

Reka mbonereho rero gusaba abandi bafatanya bikorwa ari abo dufatanya muri leta cyane cyane MINALOC, ifite inzego z'ibanze mu nshingano mugukurikirana aba bantu basohotse muri gereza n'inzego z'umutekano kugirango ibyo bazagenerwa bazabikoreshe uko bigomba. Abafatanyabikorwa ba Minisiteri y'ubutabera abo muri Minisiteri y' burezi cyane cyane abashinzwe gutanga ubumenyi ngiro, gufatanya twese tugashyigikira iki gikorwa iki gitekerezo kigahabwa imbaraga, kikabonerwa amikoro ahagije kugira ngo kigere kuri byinshi no kuri benshi kandi inyungu yacyo izagaragare mu gihugu cyose.

Minisiteri y'Ubutabera ifite Urwego rw'Imfungwa n'Abagororwa munshingano zayo ibijeje ubufatanye n'ubuvugizi muri leta no mubandi bafatanyabikorwa bayo batari hano kugirango uyu mushinga uzumvikane ahakenewe yaba muri guverinoma no muri civil society.

Murakoze murakarama.